ISO 9001:2015 CERTIFIED

**Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°08/2020: Taliki: Kanama 2020**

**Cyasohotse kuwa 05 Nzeri 2020**

**Inshamake:**

Muri iki kinyamakuru turasangamo ingingo eshatu z'ingenzi arizo; (i) uko ikirere cyari kimeze mu kwezi kwa Kanama 2020, (ii) iteganyagihe ry'ukwezi kwa Nzeri 2020, (iii) ingaruka zatewe n'ikirere mu kwezi kwa Kanama 2020 ndetse n'iziteganyijwe mu kwezi kwa Nzeri 2020.

- Muri uku kwezi kwa Kanama 2020; haguye imvura nke cyane mu bice byinshi by'igihugu ugereranyije n'imvura isanzwe ihangwa muri uku kwezi mu gihe cy'imyaka myinshi.
- Mu kwezi kwa Nzeri 2020; hateganyijwe imvura iringaniye mu turere twose tugize igihugu, ikigero cy'imvura iteganyijwe kiri hagati ya milimetero 10 na 100.
- Muri Kanama 2020 imvura yaguye yari nke yatumye umusaruro w'ibihingwa n'uw'ubwatsi bw'amatungo bigabanuka. Hateganyijwe ko imvura iziyongera mu kwezi kwa Nzeri 2020, ibi bizatuma ubuhehere bw'ubutaka, amazi ndetse n'ubwatsi bw'amatungo byiyongera.

## I. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu muri Kanama 2020 mu buryo burambuye


Muri uku kwezi kwa Kanama 2020 imvura yaguye yari hagati ya milimetero 0.9 na milimetero 41.2. Imvura nyinshi yapimwe ku bupimiro bwa Rubengera ingana na milimetero 41.2. Mu Ntara y'Iburengerazuba niho hapimwe imvura nyinshi kurusha ahandi mu gihugu nubwo naho imvura yari nke ugereranyije n'isanzwe ihagwa naho Umujyi wa Kigali ukaba ariwo wabonye imvura nke muri Kanama ugereranyije n'ahandi.

Mu Mujyi wa Kigali ku bupimiro bwo ku Kibuga cy'Indege Mpuzamahanga cya Kigali hapimwe milimetero 0.9 na milimetero 3 ku bupimiro bwa Gitega. Mu Ntara y'Amajyepfo ku bupimiro bwa Nyamagabe hapimwe milimetero 22.2 no ku bupimiro bwa Byimana hapimwe milimetero 14.2. Mu Ntara y'Amajyaruguru hapimwe imvura mu buryo bukurikira: Gicumbi 17.4mm, Busogo 26.9mm na Musanze (21.7mm). Mu Ntara y'Iburengerazuba ku bupimiro bwa Rusizi 24.6mm, Rubavu 24.1mm, Rubengera 41.2mm naho ku bupimiro bwa Bugarama hapimwe milimetero 33.2. Mu Ntara y'Iburasirazuba ku bupimiro bwa Nyagatare hapimwe milimetero 18.2, imvura ingana na milimetero 23.5 yapimwe ku bupimiro bwa Ngoma naho ku bupimiro bwa Kawangire hapimwa imvura ingana na milimetero 4.

P.O Box 898 KIGALI | E-mail :bulletin@meteorwanda.gov.rw | @MeteoRwanda | Toll free : 6080
Address: Nyarugenge KN2, 96st | Website: www.meteorwanda.gov.rw | Meteo Rwanda


**Igiteranyo cy’imvura ku bupimiro butandukanye (muri mm)**

| Ubupimiro | Kanama 2020 | Kanama |
|---|---|---|
| Kigali | 0.9 | 34.6 |
| Gitega | 3 | 17.9 |
| Nyamagabe | 22.2 | 39.5 |
| Byimana | 14.2 | 39.8 |
| Gicumbi | 17.4 | 57.1 |
| Busogo | 26.9 | 77.6 |
| Musanze | 21.7 | 55.6 |
| Bugarama | 33.2 | 44.3 |
| Rusizi | 24.6 | 71.2 |
| Rubavu | 24.1 | 21.7 |
| Rubengera | 41.2 | 42.7 |
| Ngoma | 23.5 | 24 |
| Kawangire | 4 | 28 |
| Nyagatare | 18.2 | 47.7 |





*Imbonerahamwe ya 1 n’Ishusho 1;biragaragaza ikigeranyo cy’imvura yaguye muri Kanama 2020 n’isanzwe igwa mu myaka myinshi*

Ikarita zikurikira hasi (**1&2**) zigereranya igiteranyo cy’imvura yaguye muri Kanama 2020 ndetse n’imvura isanzwe igwa muri uko kwezi mu gihe cy’imyaka myinshi.





*Ikaritaya1: Imvura yaguye (mm) muri Kanama 2020*





*Ikarita 2: Imvura isanzwe igwa (mm) muri Kanama*

## II. Ubusesenguzi ku bushyuhe

Impuzandengo y’ubushyuhe bwo hejuru yari hagati ya $22.4^{0}$C ku bupimiro bwa Gicumbi mu Ntara y’Amajyaruguru na $32.5^{0}$C zabonetse ku bupimiro bwa Bugarama mu karere ka Rusizi mu Ntara y’Iburengerazuba. Naho impuzandengo y’ubushyuhe bwo hasi yari hagati ya $11.1^{0}$C Busogo na $18.2^{0}$C Bugarama na Kigali. Igice cy’Amajyaruguru ndetse n’icy’Amajyepfo niho hakonje ugereranyije n’igice cy’Iburengerazuba, Iburasirazuba n’Umujyi wa Kigali (Ikarita 3 na 4).




*Ikaritaya3: Impuzandengo y’Ubushyuhe bwo hejuru*





*Ikarita 4: Impuzandengo y’Ubushyuhe bwo hasi*

## III. Ubuhehere bw’ubutaka

Biragaragara ko ubuhehere bw’ubutaka bwagabanutse cyane mu kwezi kwa Kanama biturutse ku mucyo waranze iminsi myinshi y’uku kwezi kwa Kanama 2020. Ubuhehere bw’ubutaka buziyongera cyane kubera ibihe by’imvura no kwiyongera kw’ibicu mu kirere bizakomeza kuranga ukwezi kwa Nzeri 2020.

## IV. Iteganyagihe ryo kuva ku itariki ya 1 kugera 30 Nzeri , 2020




***Ikarita 5 :Ingano yimvura iteganyijwe muri Nzeri 2020***

Mu kwezi kwa Nzeri 2020, mu Rwanda hateganyijwe kuzagwa imvura iri hagati ya milimetero 10 na 100mm. Imvura iri hagati ya milimetero 80 na 100 iteganyijwe mu turere twa Burera, Musanze, Nyabihu, Gakenke ahahana imbibi na Musanze na Nyabihu, mu bice by'uturere twa Rubavu, Ngororero na Muhanga hegereye Nyabihu, mu karere ka Nyagatare ahakora Kuri Gatsibo na Gicumbi ndetse no mu bice by'Akarere ka Kirehe bihana imbibi n'igihugu cy'Uburundi. Imvura iri hagati ya milimetero 60 na 80, iteganyijwe mu bice byinshi by'Akarere ka Nyagatare, amajyaruguru y'uturere twa Gicumbi, Rulindo, Muhanga, Ngororero, Rutsiro na Nyamasheke ndetse n'amajyepfo y'uturere twa Rubavu na Gakenke.

Imvura iri hagati ya milimetero 40 na 60, iteganyijwe mu gice kinini cy'Akarere ka Nyamagabe, aka Nyamasheke, Karongi, Gatsibo, Rwamagana, Kayonza na Kirehe; mu majyepfo ya Rutsiro ahakora ku kiyaga cya Kivu, íbice bimwe na bimwe by'Akarere ka Ngororero na Muhanga, Kamonyi na Nyagatare. Imvura iri hagati ya milimetero 20 na 40, iteganyijwe ahandi hasigaye mu bice byinshi by'uturere tw'Intara y'Amajyepfo no mu mujyi wa Kigali ndetse no mu karere ka Rusizi, mu majyepfo y'Akarere ka Nyamasheke, no mu bice by'uturere tw'Intara y'Iburengerazuba duhana imbibi n'Akarere ka Muhanga na Ruhango two mu ntara y'Amajyepfo. Imvura iri hagati ya milimetero 10 na 20, iteganyijwe mu gice kinini cy'Akarere ka Gisagara, aka Huye no mu gace gato k'akarere ka Nyaruguru n'aka Ruhango ndetse no mu bice by'akarere ka Bugesera bihana imbibi n'Uburundi no mu duce twa Kayonza na Kirehe dukora Kuri Tanzania. Naho imvura iri hasi ya milimetero 10 ikaba iteganyijwe mu gace gato k'Akarere ka Huye na Gisagara, Nyaruguru, Bugesera na Kirehe.

Imvura iteganyijwe muri Nzeri 2020 iri hasi y' ikigero cy'impuzandengo y'imvura isanzwe igwa muri Nzeri ahenshi mu gihugu.

Imvura iteganyijwe izaturuka ahanini ku isangano ry'imiyaga ituruka mu gice cya Congo Ituma tugira imvura mu kwezi kwa Nzeri mu bice byinshi by'igihugu cyane cyane mu Burengerazuba ndetse no mu Majyaruguru y'igihugu.

## V. INGARUKA

Imvura yaguye muri Kanama 2020, yari nke cyane ugereranyije n'isanzwe igwa muri uko kwezi, Ibi bikaba byatuma umusaruro uturuka ku bihingwa no ku matungo ugabanuka.

**Ibiteganyijwe muri Nzeri 2020**

Tugendeye ko turi mu gihe cy'itangira ry'imvura y'umuhindo, muri Nzeri hateganyijwe imvura iringaniye bikazatuma umusaruro w'ibikomoka ku bihingwa no ku matungo wiyongera ndetse n'amazi akiyongera mu bice bitandukanye by'igihugu.

***N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe ku risohoka buri nyuma y'amasaha atandatu, irisohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5), iry'iminsi irindwi (7) ndetse n'iry'iminsi icumi ritangwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda).***

P.O Box 898 KIGALI | E-mail :bulletin@meteorwanda.gov.rw | @MeteoRwanda | Toll free : 6080
Address: Nyarugenge KN2, 96st | Website: www.meteorwanda.gov.rw | Meteo Rwanda